(1.000.000) kugeza kuri miliyoni esheshatu (6.000.000).

**Ingingo ya 311: Kumenya mu buryo bw'uburiganya imikoreshereze y'ibikoresho by'ikoranabuhanga**

Umuntu wese ukora, utumiza cyangwa wohereza mu mahanga, porogaramu cyangwa ubundi buryo bwose butuma amenya cyangwa abantu bamenya ku buryo bw'uburiganya imikoreshereze y'ibikoresho by'ikoranabuhanga, ibanga ry'imikoreshereze ya za televiziyo cyangwa iry'imiyoboro y'itumanaho, akabikoresha ku giti cye cyangwa akabisakaza, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Mu gihe cy'isubiracyaha, ukoze icyaha ahanishwa igifungo kuva ku myaka itandatu (6) kugeza ku umunani (8) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni esheshatu (6.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000).

Rwandan francs.

**Article 311: Fraudulent decoding of electronic devices**

Any person who makes, imports or exports software or any other comparable systems which enable him/her or other persons to fraudulently use information and communication technology, the secrecy of television or a communication network and uses them privately or disseminates them, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years and a fine of three million (3,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs.

In case of recidivism, the offender shall be liable to a term of imprisonment of six (6) years to eight (8) years and a fine of six million (6,000,000) to ten million (10,000,000) Rwandan francs.

(1.000.000) à six millions (6.000.000) de francs rwandais.

**Article 311: Décodage frauduleux de l'utilisation des appareils informatiques**

Toute personne qui fabrique, importe ou exporte des programmes ou tout autre moyen servant à décoder frauduleusement l'utilisation des appareils de technologie de l'information et de la communication, le mot de passe pour l'emploi des télévisions ou des réseaux de communication, et qui l'utilise personnellement ou le divulgue, est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans et d'une amende de trois millions (3.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

En cas de récidive, le coupable est passible d'un emprisonnement de six (6) ans à huit (8) ans et d'une amende de six millions (6.000.000) à dix millions (10.000.000) de francs rwandais.